## Ijambo mu kurahiza Perezida n'Umukomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora – 15 Gashyantare 2023

Urukiko rw'Ikirenga rwishimiye kwakira indahiro ya Hon. Oda GASINZIGWA nka Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Hon. Carine UMWARI nka Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, akaba ari ikimenyetso cy'uko batangiye ku mugaragaro imirimo yabo muri iyo Komisiyo.

Nk'uko biteganywa n'amategeko, zimwe mu nshingano zikomeye za Komisiyo ni ugutegura no kuyobora amatora amategeko ayihera ububasha no kugenzura ko akorwa mu mucyo no mu bwisanzure mu rwego rwo guteza imbere demokarasi n'imiyoborere myiza mu Rwanda; ibyo akaba ari inkingi imwe mu kubaka Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri bose, byo mfundo ry'amahoro, umutekano n'iterambere rirambye.

Muri urwo rugendo, ni ngombwa ko Igihugu gikomeza kubaka inzego zikomeye z'imiyoborere myiza, akaba ari muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igomba gukomeza kubaka ubushobozi mu bayigize no mu mikorere yayo, bityo bigashimangira icyizere abantu bagirira umurimo wayo wo kuyobora no kugenzura amatora.

Twifurije Hon. Oda Gasinzigwa, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Hon. Carine Umwari, Komiseri muri iyo Komisiyo kuzarangiza neza inshingano zabo.

**Murakoze, mugire amahoro.**